NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA MU GIHE CYO GUSUBIRA KU ISHURI (IGIHEMBWE CYA I: 2023/2024)

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri nkuko yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira gusubira ku ishuri gutangira amasomo y'igihembwe cya mbere **guhera ku wa 21/09/2023 kugeza ku wa 24/09/2023**. Gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri ikaba iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa kane, tariki ya 21/09/2023, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu Turere dukurikira:**

- Nyanza na Nyaruguru **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Ngororero mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Musanze na Burera mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Nyagatare na Gatsibo mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Gatanu, tariki ya 22/09/2023, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu Turere dukurikira:**

- Ruhango na Gisagara mu **Ntara y'Amajyepfo.**
- Nyabihu na Rubavu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Rulindo na Gakenke mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rwamagana na Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu, tariki ya 23/09/2023, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu Turere dukurikira:**

- Huye na Kamonyi mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Karongi na Rutsiro mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Gicumbi mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Ngoma na Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku cyumweru, tariki ya 24/09/2023, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu Turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Muhanga na Nyamagabe mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Rusizi na Nyamasheke mu **Ntara y' Iburengerazuba**
- Bugesera mu **Ntara y'Iburasirazuba**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**ICYITONDERWA:**

- Inzego z'Ibanze zirasabwa gukangurira ababyeyi mu midugudu yabo kohereza abanyeshuri hagendewe ku ngengabihe yatangajwe;

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, hashingiye ku byerekezo ndetse n'amashuri abana babo bigamo cyangwa bagiye kwigamo; bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere kumashuri yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri.

- Abanyeshuri batangiye bwa mbere ku mashuri mashya (S1/S4/L3/Y1/TTC) bazerekana urupapuro rugaragaza ikigo cy'ishuri boherejweho na NESA;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza ku ishuri;

- Ababyeyi bafite abanyeshuri banyura mu Mujyi wa Kigali barasabwa kugurira abana amakarita y'urugendo akoreshwa mu mabisi atwara abagenzi ;

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gusubiza abanyeshuri kumashuri no gukurikirana ko ababyeyi basubirije abana kumashuri ku gihe;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya Kigali yitiriwe Pele I Nyamirambo zibajyana ku mashuri yabo.

- **Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izaba ifunze**, nta munyeshuri wemerewe kuza ku munsi utari uwo ikigo yigaho kizagendera kandi nta kuza nyuma y'iyo saha yavuzwe .

Bikorewe i Kigali, ku wa ..13.. Nzeri, 2023

**Dr. Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru